**AMABWIRIZA N°17 AGENGA IMENYEKANISHA RY'AMAKURU AHAMAGARIRA RUBANDA KUGURA IMIGABANE ITANGWA N'IBIGO BITO N'IBICIRIRITSE MU RWANDA MU RWEGO RW'ISOKO RY'IMARI N'IMIGABANE**

Gishingiye ku Itegeko n°11/2011 ryo kuwa 18/05/2011 rishyiraho Ikigo gishinzwe isoko ry'imari n'imigabane, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 3 n'iya 4;

Gishingiye ku Itegeko n°01/2011 ryo kuwa 10/02/2011 rigenga Isoko ry'imari n'imigabane mu Rwanda, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 74;

Gishingiye ku Itegeko n° 40/2011 ryo kuwa 20/09/2011 rigenga ibigega by'ishoramari by'abishyizehamwe mu Rwanda, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 64;

Ikigo gishinzwe isoko ry'imari n'imigabane mu Rwanda cyitwa "IKIGO" mu ngingo zikurikira, **cyemeje amabwiriza akurikira:**

**<u>IGICE CYA MBERE</u>: INGINGO Z'IBANZE**

**<u>Ingingo ya 1</u> : Icyo aya Mabwiriza agamije**

Aya Mabwiriza agenga imitangire y'amakuru agamije gufasha Ibigo bito n'ibiciriritse kubona igishoro ku isoko ry'imari n'imigabane.

**THE CAPITAL MARKET DISCLOSURE GUIDELINES N° 17 FOR THE PUBLIC OFFER OF SECURITIES FOR THE SMALL AND MEDIUM ENTERPRISES IN RWANDA**

Pursuant to the Law n°11/2011 of 18/05/2011 establishing the Capital Markets Authority especially in its articles 3 and 4,

Pursuant to the Law n°01/2011 of 10/02/2011 regulating the Capital market in Rwanda, especially in its article 74,

Pursuant to the law No 40/2011 of 20/09/2011 regulating the Collective Investment Schemes in Rwanda especially in its article 64,

The Capital Market Authority hereinafter referred to as the "AUTHORITY", **decrees:**

**<u>PART ONE</u>: PRELIMINARY**

**<u>Article 1:</u> Purpose of these guidelines**

The purpose of these disclosure guidelines is to make it possible for Small and Medium Enterprises to raise capital through the capital market.

**DIRECTIVES N°17 D'INFORMATION AU MARCHÉ DES CAPITAUX EN MATIÈRE D'OFFRE AU PUBLIC DES TITRES POUR LE COMPTE DE PETITES ET MOYENNES ENTREPRISES AU RWANDA**

Vu la Loi n° 11/2011 du 18/05/2011 portant création de l'Office des marchés des capitaux, spécialement en ses articles 3 et 4 ;

Vu la Loi n° 01/2011 du 10/02/2011 portant régulation du marché des capitaux au Rwanda, spécialement en son article 74 ;

Vu la Loi n° 40/2011 du 20/09/2011 portant régulation des Fonds d'investissements collectifs au Rwanda, spécialement en son article 64,

L'Office des marchés des capitaux, ci-après dénommée "l'OFFICE", **adopte les règlements suivants :**

**<u>PARTIE PREMIÈRE</u>: DISPOSITIONS PRÉLIMINAIRES**

**<u>Article 1:</u> Objet des présentes directives**

Les présentes directives ont pour objet d'aider les petites et moyennes entreprises à avoir accès au capital à travers le marché des capitaux

**__Ingingo ya 2:__ Ibisobanuro by'amagambo**

Muri aya mabwiriza:

**Itegeko**" bivuga Itegeko nº 01/2011 ryo kuwa 10/02/2011 rigenga isoko ry'imari n'imigabane mu Rwanda;

"**Ikigo**" bivuga ikigo gishinzwe Isoko ry'Imari n'Imigabane cyashyizweho n'Itegeko n°11/2011 ryo kuwa 18/05/2011;

**"Ugurisha"** bivuga umuntu utari ushyira imigabane ku isoko akaba ahamagarira rubanda kugura imigabane.

**"Isoko ry'Ibigo bito ni biciriritse''** bivuga isoko rigenewe ibigo bito n'iciriritse.

**"Kwemererwa ku isoko ry'imari n'imigabane"** bivuga kwemerera umugabane gushyirwa ku rutonde rw'isoko ry'ibicuruzwa byo ku isoko ry'imari n'imigabane kandi amagambo "kwemerera" no "kwemererwa" gushyirwa ku isoko ry'imari n'imigabane agomba kumvikana uko ari.

**"Inyandiko yemeza kwemererwa ku isoko ry'imari n'imigabane"** bivuga inyandiko ikubiyemo amakuru yerekeranye no kwemererwa ku Isoko ry'Ibigo bito ni biciriritse kandi iyo nyandiko ikaba itandukanye n'Inyandiko y'ubwumvikane bwo kwishyira hamwe cyangwa inyandiko ihamagarira rubanda kugura imigabane uretse igihe byaba biteganijwe ukundi.

**__Article 2__: Interpretation**

In these guidelines:

**"Law"** means Law **n° 01/2011 of 10/02/2011** Regulating the Capital Market in Rwanda;

**"Authority"** means the Capital Market Authority established by the Law nº11/2011 of 18/05/2011;

**"Offeror"** means a person, other than an issuer who offers securities to the public.

**"SME Market''** is a market segement for small and medium companies.

**"Listing"** means admission of a security to the official list of a securities exchange; and the terms "list" and "listed" shall be construed accordingly.

**"Listing statement"** means an information document prepared in connection with a listing on the SME Market and does not constitute an information memorandum or prospectus unless specifically provided.

**__Article 2:__ Définitions des termes**

Aux fins des présentes directives:

**«Loi»** désigne la Loi n° 01/2011 du 10/02/2011 portant régulation du marché des capitaux ;

**«Office»** désigne l'Office des Marchés de Capitaux créée en vertu de la Loi n° 11/2011 du 18/05/2011 ;

**«Offrant»** désigne une personne autre que l'émetteur qui offre des titres au public.

**«Marché de petites et Moyennes entreprises»** désigne un marché pour les petites et moyennes entreprises.

«**Cotation** » désigne l'admission d'un titre à la cote officielle d'une bourse des titres, et les termes «cote» et «coté» doivent être interprété de manière correspondante ;

«**Déclaration de cotation** » désigne un document d'information préparé en relation avec la cotation sur le Marché parallèle et ne constitue en aucun cas une note d'information ou le prospectus, sauf disposition particulière.

**"Ushyira imigabane ku isoko"** bivuga umuntu washyize imigabane ku isoko cyangwa uteganya gushyira imigabane ku isoko kandi uwo muntu ashobora kuba ikigo cyangwa urwego rwemewe n'amategeko bihamagarira rubanda cyangwa igice iki n'iki cy'abantu bari mu Rwanda kugura imigabane igihe iyo migabane yasabiwe kwemererwa gushyirwa ku isoko ry'imari n'imigabane cyangwa se ikaba yaremerewe gushyirwa ku isoko ry'imari n'imigabane.

**"Igihe cy'igurisha"** bivuga igihe kitarenze iminsi icumi (10) y'akazi cyangwa se igihe kirenze icyo gishobora kwemezwa n'Ikigo kandi muri iyo minsi akaba ari bwo igikorwa cyo guhamagarira rubanda kugura imigabane cyangwa kugurisha imigabane kuri rubanda kiba cyemewe.

**"Isosiyete sano"** bivuga sosiyete ibumbiyemo izindi, isosiyete shami cyangwa sosiyete shami ya sosiyete ibumbiyemo izindi ifitwe n'indi sosiyete.

**''Isosiyete ntoya n'iziciriritse''** bivuga soisiyete zidashobora kuzuza ibyangombwa byo kwemererwa gushyira ibicuruzwa ku isoko ry'ibanze ry'imari n'imigabane ry'u Rwanda.

**<u>IGICE CYA II</u>: IBISABWA MBERE YO GUHAMAGARIRA RUBANDA KUGURA IMIGABANE**

**<u>Ingingo ya 3</u>: Ibisabwa mbere yo kwemererwa**

Abashyira imigabane ku isoko bifuza gusaba kwemererwa gushyira imigabane ku isoko no

**"Issuer"** in relation to any securities, means the person by whom securities have been issued or are to be issued and shall include a company or other legal entity that offers securities to the public or a section thereof in Rwanda, whether or not such securities are subject to an application for admission or have been admitted to listing.

**"Offer period"** means a period not exceeding ten (10) working days, or such longer period as the Authority may approve, during which an offer for subscription or sale of securities to the public remains open.

**"Related company"** means a holding company, a subsidiary of another company or a subsidiary of the holding company of another company.

**''SME's''** means any company that does not meet the listing requirements of the main market segement of the Rwanda Stock Exchange.

**<u>PART II</u>: CONDITIONS FOR PUBLIC OFFERS**

**<u>Article 3:</u> Eligibility**

Issuers wishing to apply for issuing of securities and listing on SME Market must comply (and

«**Émetteur**» désigne, dans le cadre des titres, la personne dont les titres ont été émis ou sont à émettre et peut s'agir entre autres d'une société ou autre personne morale qui offre des titres au public ou à une partie de celui-ci au Rwanda, que ces titres fassent ou non l'objet d'une demande d'admission ou soient admis à la cote.

«**Période d'offre**» désigne une période n'excédant pas dix (10) jours ouvrables ou un délai plus long que l'Office peut approuver, au cours de laquelle une offre à la souscription ou à la vente des titres au public reste ouverte.

«**Société apparentée**» désigne une société holding, une filiale d'une autre société ou une filiale de la société holding d'une autre société.

'' **PME**'' signifie toute société qui ne répond pas aux exigences d'inscription du principal segment de marché du Rwanda Stock Exchange.

**<u>PARTIE II:</u> CONDITIONS REQUISES POUR LES OFFRES AU PUBLIC**

**<u>Article 3:</u> Éligibilité**

Les émetteurs qui souhaitent soumettre une demande d'émission et de cotation des titres sur le

gusaba ko imigabane yabo yemererwa ku Isoko ry'Ibigo bito n'ibiciriritse bagomba (ndetse na nyuma y'uko bemerewe gushyira imigabane ku isoko igihe cyose bashatse nyuma yo kwemererwa) kubahiriza ibintu bikurikira:

**1. Kwiyandikisha nk'Isosiyete ihamagarira rubanda kugura imigabane**

Ushyira imigabane ku isoko agomba kuba ari sosiyete ihamagarira rubanda kuyiguramo imigabane ifite uburyozwe bugarukira ku migabane yakorewe iyandikisha hakurikijwe Itegeko ryerekeye amasosiyete y'ubucuruzi mu Rwanda.

**2: Imari-shingiro**

Nta mari shingiro isabwa ku isosiyete ntoya cyangwa iciriritse yifuza kugurisha Imigabane kuri rubanda.

**3: Uburyo bwo gushyira imigabane ku isoko**

Ushyira imigabane ku isoko kugirango abone amafaranga agomba kubikora yifashishije kugurisha bwa mbere imigabane kuri rubanda.

**4: Guhererekanywa kw'imigane**

Imigabane isabirwa kwemererwa ku isoko ry'imari n'imigabane igomba kuba ishobora guhererekanywa ku buryo busesuye kandi nta nkomyi n'imwe ishobora kuyibuza kugurishwa cyangwa se ngo habe hagira umuntu uyu n'uyu uyihabwaho amahirwe mbere y'abandi.

after the listing has been granted, on a continuing basis) with the following requirements:

**1. Incorporation as a public limited company**

The issuer shall be a public company limited by shares and registered under the Law relating to Companies of Rwanda.

**2: Capital**

There is no Capital required for an SME that wants to offer shares to the Public.

**3: Method of Issue**

The issuer will be required to raise capital from the public through an initial public offering.

**4: Transferability**

Shares to be listed shall be freely transferable and not subject to any restrictions on marketability or any pre-emptive rights.

Marché parallèle doivent respecter (et après l'approbation de la cotation, de manière continue) les conditions suivantes:

**1. L'incorporation comme une société publique à responsabilité limitée**

L'émetteur doit être une société publique à responsabilité limitée par actions et enregistrée en vertu de la Loi relative aux sociétés commerciales au Rwanda.

**2: Capital**

Il n'y a pas de capital requis pour les petites et moyennes entreprises qui veulent offrir des actions au public.

**3: Méthode d'émission**

L'émetteur est tenu de mobiliser les capitaux auprès du public en réalisant une première offre publique

**4: Cessibilité**

Les actions à être cotées doivent être librement cessibles et ne peuvent en aucun cas être assorties de restrictions sur leur cessibilité ou de tout autre droit de préemption.

**5: Inama y'Ubutegetsi**

Ushyira imigabane ku isoko agomba kuba afite Inama y'Ubutegetsi igizwe n'abantu byibura batatu (3) nibura kimwe cya gatatu (3) cy'abagize iyo Nama y'Ubutegetsi bagomba kuba ari abadafitemo imirimo nshingwabikorwa. Abo bagize Inama y'Ubutegetsi bagomba guhabwa amahugurwa abagenewe kandi yemewe n'Ikigo.

**6: Ubumenyi abagize Inama y'Ubutegetsi n'abari mu buyobozi bagomba kuba bafite ndetse n'ibyo bagomba kuba bujuje**

i) Abagize Inama y'Ubutegetsi y'ikigo gisaba kwemererwa gushyira imigabane ku isoko ndetse n'abari mu buyobozi bukuru bwacyo bagomba kuba bafite ubuzobere bwa ngombwa n'uburambe buhagije bituma bashobora kuyobora no gucunga ikigo gisaba kwemererwa gushyira imigabane ku isoko ndetse no kuyobora no gucunga ibikorwa byacyo by'ubucuruzi.

ii) Amakuru arambuye yerekeranye n'ubwo buzobere ndetse n'ubwo burambe agomba gushyirwa mu nyandiko iyo ari yo yose ikubiyemo amakuru yerekeye gushyira imigabane ku isoko itegurwa n'ikigo gisaba kwemererwa gushyira imigabane ku isoko. " Ubuzobere bwa ngombwa n'uburambe buhagije bivuga nibura umwaka umwe w'uburambe mu

**5: Board of Directors**

The issuer must have a minimum of three (3) directors, with a least a third of the Board as non-executive directors. The directors shall be required to undertake a Directors' Course recognized by the Authority.

**6: Competence and suitability of directors and management**

i) The directors and senior management of an applicant must collectively have appropriate expertise and experience for the governance and management of the applicant and its business.

ii) Details of such expertise and experience must be disclosed in any issuing particulars prepared by the applicant. "Appropriate expertise and experience shall mean at least one year experience in the applicant's business or where the applicant has no previous record, experience in similar line of business".

**5: Conseil d'administration**

L'émetteur doit avoir au moins trois (3) administrateurs dont un tiers d'entre eux doivent être des administrateurs non exécutifs. Les administrateurs sont tenus de suivre un cours destiné aux administrateurs reconnue par l'Office.

**6: Compétence et aptitude des administrateurs et dirigeants**

i) Les administrateurs et la direction générale d'un requérant doivent justifier collectivement d'une expertise et d'une expérience appropriées pour la gouvernance et la gestion du requérant et de ses activités.

ii) «Les détails desdites expertise et expérience doivent être énoncés dans les informations relatives à l'émission préparées par le requérant. «L'expertise et l'expérience appropriée signifient au moins un an d'expérience dans les activités du requérant ou une expérience dans les activités similaires si le requérant n'a pas antérieurement exercé ces activités».

bikorwa by'ikigo gisaba gushyira imigabane ku isoko cyangwa se bikavuga uburambe mu bikorwa bisa n'ibyo igihe icyo kigo gisaba ari bwo kigitangira gukora ibikorwa byacyo".

iii) Ushyira imigabane ku isoko agomba gukora ku buryo agumana abakozi bari mu buyobozi bukuru bwe bafite ubumenyi busabwa igihe cyose yemerewe gushyira imigabane ku isoko kandi ntiyemerewe guhindura abo bakozi bari mu buyobozi mu gihe cy'amezi cumi n'abiri (12) akurikira kwemererwa gushyira imigabane ku isoko keretse igihe umukozi yaba akoze icyaha gikomeye gishobora gufatwako cyagira ingaruka ku budakemwa bwa sosiyete yemerewe gushyira imigabane ku isoko cyangwa se bene icyo cyaha kikaba kidakwiye umuntu uri mu buyobozi bwa bene iyo sosiyete.

iv) Igihe cyo gusaba kwemererwa gushyira imgabane ku isoko no mu gihe cy'imyaka nibura ibiri (2) ibanziriza itariki y'ubusabe, ushyira imigabane ku isoko agomba kuba yemeza ko:

a. nta kirego na kimwe cyo mu rukiko kiriho cyangwa giteganijwe kireba umwe mu bagize Inama ye y'ubutegetsi (iyo ari abantu) cyangwa se ko nta kirego gisaba iseswa (iyo ari sosiyete) kiriho

iii) The issuer shall ensure continued retention of qualified management during listing and no change of management for a period of twelve months following the listing other than for reason of a serious offence that may be considered to affect the integrity or be inappropriate for management of a listed company.

iv) As at the date of the application and for a period of at least two (2) years prior to the date of the application, the issuer shall ensure that, there has not been:

a. Any petition under bankruptcy or insolvency Laws in any jurisdiction pending or threatened against any director (for individuals), or any winding- up petition pending or

iii) L'émetteur doit veiller à la rétention continue du personnel cadre qualifié au cours de la cotation et ne doit en aucun cas changer ce personnel pour une période de douze mois à compter de la cotation à moins que l'un de ces membres du personnel cadre ne commette une infraction grave susceptible d'affecter négativement l'intégrité du personnel cadre d'une société coté ou d'être inapproprié pour ce personnel.

iv) L'émetteur doit, à la date de la demande et pour une période d'au moins deux (2) années précédant la date de la demande, s'assurer qu'il n'ya pas eu:

a. une quelconque requête déposée en vertu des lois ou règlements sur la faillite ou l'insolvabilité qui serait en cours ou probable contre un administrateur quelconque (pour les

cyangwa giteganijwe mu rukiko aregwa hakurikijwe amategeko yerekeye igihombo cyangwa izahura mu by'ubucuruzi;

b. nta rubanza nshinjabyaha umwe mu bagize Inama ye y'Ubutegetsi yahamijwemo icyaha cy'uburiganya cyangwa ikindi cyaha cyose gihanwa n'amategeko mpanabyaha cyangwa se ngo abe avugwa mu rubanza nshinjabyaha ruriho cyangwa se mu cyaha iki n'iki gihanwa n'amategeko mpanabyaha cyangwa se mu kirego iki n'iki haba mu Rwanda cyangwa mu mahanga;

c. nta cyemezo cy'urukiko rubifitiye ububasha cyangwa cy'urwego rwa Leta uru n'uru kibuza burundu cyangwa mu gihe runaka umwe mu bagize Inama ye y'Ubutegetsi kuba umujyanama mu by'ishoramari cyangwa se kuba umwe mu bagize inama y'ubutegetsi y'umuhuza ku isoko ry'imari n'imigabane, iy'ugura cyangwa ugurisha ku giti cye ibicuruzwa ku isoko ry'imari n'imigabane cyangwa y'ikigo cy'imari iki n'iki cyangwa se kikaba kimubuza kuba umukozi wabyo cyangwa se kikaba kimubuza gukora ubucuruzi ubu n'ubu cyangwa igikorwa iki n'iki aha n'aha.

d. Usaba gushyira imigabane ku isoko agomba kuba atarananiwe kwishyura umwenda uyu n'uyu.

threatened against it (for corporate bodies);

b. any criminal proceedings in which the director was convicted of fraud or any criminal offence, nor be named the subject of pending criminal proceeding, or any other offence or action within or outside Rwanda;

c. the subject of any ruling of a court of competent jurisdiction or any government body in any jurisdiction, that permanently or temporarily prohibits such director from acting as an investment advisor or as a director or employee or a stockbroker, dealer, or any financial service institution or engaging in any type of business practice or activity in that jurisdiction;

d. The issuer should not be insolvent.

particuliers), ou une requête d'ouverture de la procédure de liquidation en cours ou probables contre lui (pour les personnes morales) ;

b. une procédure pénale quelconque dans laquelle l'administrateur a été reconnu coupable de fraude ou de toute infraction pénale, ou impliqué dans une procédure pénale en cours, ou toute autre infraction ou action à l'intérieur ou à l'extérieur du Rwanda;

c. contre son administrateur, une décision d'une juridiction compétente ou de tout organe public dans un quelconque pays, qui frappe cet administrateur d'une interdiction permanente ou temporaire d'agir comme conseiller en placement ou administrateur ou employé ou courtier en titres ou concessionnaire ou dans une institution financière quelconque ou d'une interdiction de s'engager dans des activités commerciales quelconques ou toute autre activité dans ce pays ou dans cette région ;

d. aucun cas d'insolvabilité de l'émetteur.

**7. Imari-shingiro**

Abagize Inama y'Ubutegetsi y'Ushyira imigabane ku isoko bagomba kwemezako afite imari-shingiro ihagije yo gukoresha mu gihe cy'amezi nibura cumi n'abiri (12) uhereye igihe atangiye gushyira imigabane ku isoko kandi abagenzuzi b'imari be na bo bagomba kwemeza mu nyandiko ko iyo mari-shingiro ihagije koko.

**8: Imigabane ishyizwe ku isoko**

Uburenganzira bwo gushyira imigabane ku isoko buhagarara iyo hashize igihe cy'amezi atatu (3) nyuma yo kwemererwa n'Ikigo guhamagarira rubanda kugura imigabane.

**9: Igihe abanyamigabane biyemezamo kutagurisha imigabane yabo**

Ushyira imigabane ku isoko agomba kwizera ko abanyamigabane be, abafatanyabikorwa be mu bucuruzi cyangwa se irindi tsinda ry'abanyamigabane bafite ubwiganze mu migabane kandi bafite ijambo rya mbere mu buyobozi bwe biyemeje mu buryo bwemewe n'Ikigo ndetse n'Isoko ry'Imari n'Imigabane ko badashobora kugurisha imwe mu migabane yabo cyangwa se imigabane yabo yose mbere y'uko hashira igihe kingana n'amezi makumyabiri n'ane (24) akurikira kwemererwa gushyira imigabane ku isoko kandi uko kwiyemeza kugomba kugaragazwa mu nyandiko yemeza kwemererwa ku isoko ry'imari n'imigabane.

**7. Working Capital**

The Directors of the Issuer shall give an opinion on the adequacy of working capital for at least twelve (12) months immediately following the share offering, and the auditors of the issuer shall confirm in writing the adequacy of that capital.

**8: Issued Shares**

An issuer shall cease to be eligible for issuance of securities upon the expiry of three (3) months after the approval of the offer by the Authority.

**9: Shareholders lock-in period**

The issuer must ensure that the existing shareholders, associated persons or such other group of controlling shareholders who have influence over management shall give an undertaking in terms agreeable to the Authority and the Securities Exchange restricting the sale of part or the whole of their shareholding before the expiry of a period of twenty four (24) months following listing and such undertaking shall be disclosed in the listing statement.

**7. Fonds de roulement**

Les administrateurs doivent donner leurs points de vue sur la suffisance du fonds de roulement pour au moins douze (12) mois suivant l'émission des actions, et les auditeurs de l'émetteur doivent confirmer par écrit la suffisance de ce ce fonds de roulement.

**8: Actions émises**

Un émetteur cesse d'être admis émettre des titres à l'expiration de trois (3) mois après l'approbation de l'offre par l'Autorité.

**9: Période de blocage pour les actionnaires**

L'émetteur doit s'assurer que les actionnaires existants, les personnes associées ou tel autre groupe d'actionnaires majoritaires qui ont une influence sur la gestion s'engagent dans les conditions acceptables pour l'Office et la Bourse des titres à ne pas vendreune partie ou la totalité de leur actions avant l'expiration d'un délai de vingt-quatre (24) mois qui suivent la cotation et cet engagement doit être communiqué dans la déclaration de cotation

**10: uburyo bwo kubika, gucunga n'ihererekanya ry'inyandiko z'agaciro**

Imigabane yose ishyizwe ku isoko igomba kubikwa n'urwego rushizwe icunga n'ihererekanya ry'inyandiko z'agaciro rwashyizweho n'Itegeko n° 26/2010 ryo kuwa 28/05/2010 rigena uburyo inyandiko z'agaciro zibikwa, zicungwa zikanahererekanwa mu Rwanda uretse igihe iryo tegeko ribiteganya ukundi.

**11: Umugenzuzi w'imari**

Ushyira imigabane ku isoko agomba gushyiraho umugenzuzi w'imari wigenga ufite inshingano yo gukora igenzura rya raporo ze z'ibaruramari.

**12: Itangazwa ry'inyandiko ihamagarira rubanda kugura imigabane rikozwe n'ushyira imigabane ku isoko**

Ushyira imigabane ku isoko agomba gutanga inyandiko ihamagarira rubanda kugura imigabane nyuma y'uko iyo nyandiko imaze kwemerwa n'Ikigo. Ushyira imigabane ku isoko agomba gutangaza kopi y'iyo nyandiko mu Rwanda nibura mu minsi irindwi (7) ibanziriza igikorwa cyo guhamagarira rubanda kugura bwa mbere imigabane ye. Iryo tangaza ashobora kurikora ashyira iyo nyandiko ku rubuga rwa interineti rw'Ikigo akanashyira itangazo muri kimwe nibura mu binyamakuru bisohoka buri munsi mu Rwanda rimenyesha abantu ko bashobora kubona iyo nyandiko ihamagarira rubanda kugura imigabane ku rubuga rwa interineti rw'Ikigo. Iryo tangazo rigomba kumenyesha abantu aho bashobora

**10: Central Securities Depository**

All issued shares must be deposited at a Central Securities Depository established under the Law n°26/2010 OF 28/05/2010 Governing the Holding and Circulation of Securities in Rwanda unless exempted under the same laws.

**11: Auditor**

The issuer must appoint an independent auditor to carry out the audit of its financial statements.

**12: Issuer to publish listing statement**

The issuer must submit a listing statement that has been approved by the Authority. The issuer must publish a copy of its listing statement in Rwanda, at least 7 days before the initial public offering is open for subscription. Such publication may be effected by uploading the document to the Authority's website and publishing a notice in at least one issue of a daily newspaper in Rwanda indicating that the listing statement is available on the Authority's website. The notice must also indicate where copies of the listing statement and any documents referred to therein can be collected or viewed by the public. The issuer may choose to publish its listing statement by other means.

**10: Dépositaire central de titres**

Toutes les actions émises doivent être déposés dans un Dépositaire central de titres établi en vertu de la loi n°26/2010 du 28/05/2010 relative à la détention et à la circulation des titres au Rwanda à moins qu'une dérogation soit accordée par la même loi.

**11: Auditeur**

L'émetteur doit désigner un auditeur indépendant devant procéder à la vérification de ses états financiers.

**12: Publication de la déclaration de cotation par l'émetteur**

L'émetteur doit soumettre un déclaration de cotation ayant été soumis à l'approbation de l'Office. L'émetteur doit publier une copie de son déclaration de cotation au Rwanda au moins 7 jours avant le premier appel public à l'épargne est ouvert à la souscription. Cette publication peut se faire en téléchargeant le document sur le site internet de l'Office et par la publication d'un avis dans au moins un numéro d'un journal quotidien au Rwanda indiquant que la déclaration de cotation est disponible sur le site Web de l'Office. L'avis doit également indiquer l'endroit où des copies du déclaration de cotation et les documents qui y sont mentionnés peuvent être retirés ou consultés par le public. L'émetteur peut choisir de publier sa

gufatira cyangwa gusanga kopi z'iyo nyandiko ihamagarira rubanda kugura imigabane ndetse n'izindi nyandiko ziyiherekeje. Ushyira imigabane ku isoko ashobora guhitamo gutangaza iyo nyandiko akoresheje ubundi buryo.

déclaration de cotation par d'autres moyens.

**13: Amafaranga yishyurwa mu kwemererwa**

Amafaranga yishyurwa mu kwemererwa angana na 0.025 % by'imigabane yose isabirwa kwemererwa ku isoko ry'imari n'imigabane hashingiwe ku kigero cya amafaranga 1000,000.

**13: Approval fees**

Approval fees shall be 0.025 % of the total offer subject to a minimum of Rfw 1000,000.

**13: Droits d'approbation**

Les frais d'approbation sont de l'ordre de 0,025 % de l'offre totale sous réserve d'un minimum de 1000.000 Frw.

**14: Gusaba kwemererwa guhamagarira rubanda kugura imigabane**

Ubusabe bwo kwemererwa guhamagarira rubanda kugura imigabane butanzwe n'amasosiyete y'ubucuruzi bwemerwa igihe ayo masosiyete y'ubucuruzi yubahirije amabwiriza n'amategeko yatangajwe n'Ikigo.

**14: Application for Public offers**

Applications for public offer of securities shall be accepted from companies provided that they comply with the Guidelines and Legislation issued by the Authority.

**14: Demande d'offres au public**

Les demandes d'offre au public des titres déposées par les sociétés sont acceptées à condition qu'elles respectent les directives et la législation émises par l'Office.

**15: Inyandiko zigize ubusabe**

Ubusabe bwo kwemererwa gushyira imigabane ku isoko butanzwe n'umuhuza ku isoko ry'imari n'imigabane wunganira mu kuzuza ibisabwa mbere yo kubona amafaranga ku isoko ry'imari n'imigabane bugomba kuba buherekejwe n'amakuru akurikira:

a) Izina ry'ushyira imigabane ku isoko;
b) Itariki yo guhamagariraho rubanda kugura imigabane;
c) Umubare n'imiterere y'imigabane;
d) Igiciro cy'umugabane;

**15: Application documents:**

The following documents and information must be submitted by a sponsoring stockbroker along with an application to offer:

a) Name of Issuer;
b) Offer Date;
c) Number and description of securities;
d) Issue Price;

**15: Documents relatifs à la demande**

Les documents et renseignements suivants doivent accompagner la demande d'offre soumis par un courtier sponsor :

a) Nom de l'émetteur ;
b) Date de l'offre;
c) Nombre et description des titres ;
d) Prix d'émission ;

e) Kopi ya raporo y'Inama y'Ubutegetsi iriho umukono wa Noteri yemeza ko hatangwa ubusabe bwo guhamagarira rubanda kugura imigabane no gusaba kwemererwa gushyira iyo migabane ku Isoko ry'Imari n'Imigabane ry'u Rwanda (RSE) ;

f) Amasezerano y'ubwumvikane yuzuye kandi ariho umukono ahamagarira rubanda kugura imigabane;

g) Kopi y'inyandiko y'ubwumvikane n'iy'amategeko-shingiro by'Ushyira imigabane ku isoko biriho umukono wa Noteri;

h) Kopi ya raporo z'ibaruramari zagenzuwe n'abagenzuzi b'imari ziriho umukono wa Noteri zirebana n'imyaka itatu (3) ibanza igihe ari ngombwa;

i) Kopi z'inyandiko z'iyandikisha ziriho umukono wa Noteri;

j) Kopi zirangamuntu za bagize Inama y'Ubuyobozi ziriho Umukono wa Noteri.

Abantu bose bashyira imigabane ku isoko bagomba kubahiriza amabwiriza y'Isoko ry'ibicuruzwa ku Isoko ry'Imari n'Imigabane yerekeranye no gutanga amakuru mu gihe cyateganijwe.

**<u>IGICE CYA III:</u> Ingingo zinyuranye**

**<u>Ingingo ya 4:</u> Kwemererwa n'Ikigo**

Nta muntu wemerewe gushyira ku isoko cyangwa

e) A certified extract of the Board minutes authorizing the application to offer and list on the Rwanda Stock Exchange.

f) Completed and signed offer Agreement;

g) Certified copy of the issuer's Memorandum and Articles of Association;

h) Copy of audited financial statements for prior three years, where applicable;

i) Certified copies of the incorporation documents,

j) Notarized copies of identities and documents of the directors.

All issuers shall be required to comply with the Rwanda Stock Exchange Rules on SME listing.

**<u>PART III:</u> Miscellaneous provisions**

**<u>Article 4:</u> Authority's Approval**

No further securities of the same class as

e) Un extrait certifié conforme du procès-verbal du Conseil d'administration autorisant le requérant à offrir et coter ses titres sur la Bourse des titres du Rwanda (RSE) ;

f) Accord de l'offre dûment conclu et signé ;

g) Une copie certifiée de l'acte constitutif et des statuts ;

h) Une copie certifiée des états financiers vérifiés pour les trois exercices précédents si necessaire ;

i) Les copies certifiées des documents de constitution ;

j) les copies certifiées des identités et des documents des administrateurs.

Tous les émetteurs sont tenus de se conformer aux règles etablies par le Rwanda Stock Exchange (RSE) sur la fourniture des informations en temps opportun.

**<u>PARTIE III:</u> Dispositions diverses**

**<u>Article 4</u> : Approbation de l'Autorité**

Aucune autre série des titres de la même catégorie

guha undi muntu indi migabane iri mu cyiciro kimwe n'iyo yemerewe gushyira ku isoko cyangwa se ngo iyo migabane yindi ibe yakemererwa gushyirwa ku isoko Ikigo kitabanje kubitangira uburenganzira.

**<u>Ingingo ya 5:</u> Amasezerano**

Kopi y'amasezerano ayo ari yo yose akozwe hagati y'Ushyira imigabane ku isoko n'umunyamigabane ufite ubwiganze mu migabane agomba gushyikirizwa umuntu ubishinzwe uri ku cyicaro cy'Ushyira imigabane ku isoko mu masaha asanzwe y'akazi ku munsi uwo ari wo wose w'akazi kugira ngo ayagenzure.

**<u>Ingingo ya 6:</u> Amasezerano y'ihererekanya n'iyandikisha**

Ushyira imigabane ku isoko agomba gukora ku buryo hakorwa amasezerano nyayo y'ihererekanya n'iyandikisha ku birebana n'imigabane ye yemerewe gushyirwa ku isoko kandi akabimenyesha ba nyir'iyo migabane.

**<u>Ingingo ya 7:</u> Amakuru agomba kumenyekanishwa**

Ushyira imigabane ku isoko agomba kumenyekanisha amakuru yose ya ngombwa kandi akamenyesha rubanda:

a) impinduka iyo ari yo yose ibaye ku birebana na aderesi y'icyicaro cye gikuru cyangwa se ku cyicaro cye iki n'iki kibikwaho igitabo kirimo ba

securities already offered shall be issued or allotted to any person or listed, without the Authority's approval.

**<u>Article 5:</u> Contractual Arrangement**

A copy of any contractual arrangement between the issuer and a controlling shareholder must be made available for inspection by any person at the registered office of the issuer during normal business hours on each business day.

**<u>Article 6:</u> Transfer and Registration Arrangements**

An issuer must ensure that appropriate transfer and registration arrangements for its listed securities have been made and holders of the listed securities notified.

**<u>Article 7:</u> Disclosure Requirements**

An issuer shall disclose all material information and make a public announcement of:

a) any change of address of the registered office of the issuer or of any office at which the register of the holders of listed securities is kept;

que les titres déjà offerts ne peuvent être émis ou attribués à une personne ou cotés sans l'approbation de l'Office.

**<u>Article 5:</u> Entente contractuelle**

Une copie d'une entente contractuelle quelconque entre l'émetteur et l'actionnaire majoritaire doit été mise à la disposition de toute personne intéressée à des fins d'inspection au siège social de l'émetteur pendant les heures ouvrables de n'importe quel jour ouvrable.

**<u>Article 6:</u> Accords de cession et d'enregistrement**

L'émetteur doit s'assurer que les accords de cession et d'enregistrement appropriés pour ses titres cotés ont été conclus et les détenteurs des titres cotés ont été notifiés.

**<u>Article 7:</u> Exigences en matière d'informations à fournir**

L'émetteur doit communiquer tous les renseignements pertinents et faire une annonce publique de ce qui suit:

a) tout changement d'adresse du siège social de l'émetteur ou de tout bureau dans lequel le registre des détenteurs des titres cotés en bourse est tenu;

nyir'imigabane yemerewe gushyirwa ku isoko;

b) impinduka iyo ari yo yose ibaye ku birebana n'abagize Inama y'Ubutegetsi, ku birebana n'umunyamabanga wa sosiyete cyangwa abagenzuzi be b'imari;

c) ivugurura iryo ari ryo ryose rigaragara ateganya gukora ku nyandiko ye y'ubwumvikane bwo kwishyira hamwe no ku mategeko-shingiro ye;

Uretse igihe biteganywa ukundi, itangazo iryo ari ryo ryose rigenewe rubanda Ushyira imigabane ku isoko aba ategetswe gutanga hakurikijwe aya Mabwiriza, rigomba gutangwa mu gihe cy'amasaha makumyabiri n'ane (24) abanziriza igihe icyo atangaza kizabera.

Ushyira imigabane ku isoko agomba kubahiriza buri gihe ibisabwa mu kumenyekanisha amakuru nk'uko biteganijwe mu Mabwiriza agenga igikorwa cyo guhamagarira rubanda kugura imigabane mu bigo bito n'ibiciriritse gikozwe n'Ikigo.

**<u>Ingingo ya 8:</u> Ivanwaho z'ingingo zinyuranyije n'aya Mabwiriza**

Ingingo zose z'amabwiriza zibanziriza aya Mabwiriza kandi zinyuranyije na yo zikuweho.

**<u>Ingingo ya 9:</u> Igihe aya Mabwiriza atangira kubahirizwa**

Aya Mabwiriza atangira kubahirizwa ku munsi

b) any change in the directors, company secretary or auditors of the issuer;

c) any proposed significant alteration of the memorandum and articles of association of the issuer;

Unless otherwise stated, all public announcements which an issuer is required to make under these guidelines shall be made within twenty four (24) hours of the happening of the event.

The issuer shall continue to be bound by continuous disclosure requirements as provided for in the guidelines on public offer of securities for SMEs issued by the Authority.

**<u>Article 8:</u> Repealing inconsistent provisions**

All prior regulatory provisions contrary to these guidelines are hereby repealed.

**<u>Article 9</u>: Commencement**

These guidelines shall come into force on the

b) tout changement des administrateurs, du secrétaire de la société ou des auditeurs de l'émetteur;

c) toute modification importante proposée concernant l'acte constitutif et les statuts de l'émetteur;

Sauf indication contraire, toutes les annonces publiques qu'un émetteur est tenu de faire en vertu des présentes directives doivent être faites dans les vingt-quatre (24) heures précédant de la survenance de l'événement.

L'émetteur doit continuer à être lié par les obligations d'information continue prévues dans les directives relatives à l'offre publique des titres des PME émises par l'Office.

**<u>Article 8:</u> Disposition abrogatoire**

Toutes les dispositions réglementaires antérieures contraires aux présentes directives sont abrogées.

**<u>Article 9:</u> Entrée en vigueur**

Les présentes Directives entrent en vigueur le jour

atangarijweho mu Igazeti ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, kuwa 05/08/2013

(sé)
**Molly Rwigamba**
Umuyobozi wungirije w'Inama y'Ubutegetsi

(sé)
**Robert C. Mathu**
Umuyobozi Mukuru

date of their publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 05/08/2013

(sé)
**Molly Rwigamba**
Vice Chairperson, Board of Directors

(sé)
**Robert C. Mathu**
Executive Director

de leur publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 05/08/2013

(sé)
**Molly Rwigamba**
Vice Président du Conseil d'Administration

(sé)
**Robert C. Mathu**
Directeur Général